







## Indwara z'ibanze n'ibyonnyi

| Indwara / Ibyonnyi                          | Ibimenyetso   | Wayirwanya ute?   | Ibipimo bikoreshwa k'umuti  |
|---|---|---|---|
| Akamatariza kagira ifu                      |  <p>Amababi ahindura ibara agatukura, impera zayo zikikunja, ibibara by'icyatsi by'uruziga byerekana aho udusimba tuba twariye</p>   | <ul style="list-style-type: none"><li>-Gutaba cg gutwika ibisigazwa by'ibimera mu gutegura umurima</li><li>-Gutera amazi afite ingufu cg arimo isabune ku gihingwa aho utwo dukoko turi</li><li>-Gutera umuti ibishibu mbere yo kubitera</li><li>-Gutera umuti wica udukoko kugirango uvaneho utumatarizi n'inshishi nka Dudu Acetamebrid cyangwa Abamectin</li></ul> | <ul style="list-style-type: none"><li>-Vanga 4gr za Imidacloprid (Gaucho) ku kilo cy'imbuto.</li><li>-Vanga 20ml za Azadirachtin muri litiro 20 z'amazi</li></ul> |
| Ububore bw'amaso                            |  <p>Iterwa n'agahumyo gafata amaso y'urubuto rw'ananasi, hanyuma hakabora</p>  | <ul style="list-style-type: none"><li>-Ugomba guhorana amazi ahagije mu murima ntabe menshi cg make</li><li>-Koresha ifumbire ifite calcium na potasium kuko biha igihingwa ingufu</li></ul>  | -   |
| Kiribiranya                                 |  <p>Iterwa n'agahumyo cg umuyege, igafata uruti, imizi n'aho amababi afatiye ku ruti bikabora igihingwa kikuma cyose.</p>   | <ul style="list-style-type: none"><li>-Gukora imitabo mu mirima kugirango amazi akamukemo neza</li><li>-Kwinika ibishibu mu muti wica udukoko mbere yo kubitera</li></ul>   | -   |
| Inzoka z'ibihingwa cg amashanya (nematodes) | <p>-Inanasi ntikura neza, iragwingira<br/>-Zishobora kugabanya umusaruro kugeza kuri 50 %</p>   | <ul style="list-style-type: none"><li>-Kwinika ibishibu mu muti wica udukoko mbere yo kubitera</li><li>-Gusimburanya inanasi n'ibinyamisogwe mu murima</li><li>-Kuvanga mu murima ibyatsi by'indabo bita «marigold» cyangwa kubisimburanya n'ananasi.</li><li>-Gutera imiti igihe bibaye ngombwa.</li></ul>   | -   |
| Ububore bwirabura bw'ibishibu cg urubuto    |  <p>-Iyi Indwara ishobora kwinjirira aho inanasi yakomerekejwe mu gihe cyo kubagara, igihingwa cyose kikaba cyaba umukara kikabura mu minsi 3.<br/>-Ahakomeretse ku bishibu cg ku mababi harabura maze hakirabura.</p> | <ul style="list-style-type: none"><li>-Gutwara neza imbuto z'ananasi wirinda kuzikomeretsa</li><li>-Kugirira isuku aho ubika imbuto n'aho zitunganyirizwa mbere yo kuzitera</li><li>-Gutera umuti wica uduhumyo aho wakatiye inanasi uyisarura, amasaha atanu mbere yo kuzipfunyika.</li></ul>  | -   |